National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4 / P.O. Box 531 Kigali - Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*Human Resources and Administration Directorate*

## Itangazo rya cyamunara

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) iramenyesha abantu bose ko ku wa gatandatu tariki ya 26 Gashyantare 2022 ku cyicaro gikuru cyayo mu Kiyovu, KN6 Avenue 4, guhera saa yine za mu gitondo hateganijwe cyamunara y'ibikoresho birimo: iby'ubwubatsi, imbaho, mudasobwa (*laptops*), ibikoresho byo mu biro birimo utubati, intebe, ameza n'ibindi.

Abifuza kureba ibi bikoresho mbere ya cyamunara, babisanga ku cyicaro gikuru cya BNR, buri munsi mu masaha y'akazi ya nyuma ya saa sita uhereye ku wa mbere tariki ya 21 kugeza ku wa gatanu tariki 25 Gashyantare 2022.

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) iramenyesha abantu bazitabira isura ry'ahantu ibyo bikoresho biherereye ndetse n'abazitabira ipiganwa mu cyamunara ko bagomba kuba barikingije byuzuye kandi bakagaragaza ko bipimishije Covid-19 mu masaha 72 mbere yo kwinjira, kuko bizagaragarizwa ababishinzwe.

Banki Nkuru y'u Rwanda iramenyesha kandi abazitabira iyi cyamunara ko ibikoresho byaguzwe byishyurwa ako kanya kandi uwabiguze agahita abitwara. Abazishyura bakoresheje sheki bagomba guteganya sheki zingana n'umubare w'ibyo bazagura.

Bikorewe i Kigali ku wa 10 Gashyantare 2022.

Digitally signed by NBR(Manager Procurement)

BAZAMBANZA Moise
Manager, Procurement Division

Digitally signed by NBR(Director HRD)

MUHIRE Modeste
Director, HRMD and Ag. Executive Director,
Human Resources & Administration